**UBUCAMANZA**
**B. P. 2197 KIGALI – RWANDA**

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU MUHANGO WO KWIBUKA KU NSHURO YA 28 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA WA 1994 NO KWIBUKA BY'UMWIHARIKO ABATUTSI BICIWE MU NGORO Y'ICYAHOZE ARI URUKIKO RW'UBUJURIRE (COUR D'APPEL) – RUHENGERI

*Musanze, ku wa 15 Mata 2022*

Ba Nyakubahwa Baminisitiri,

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru,

Banyakubahwa Bayobozi b'Ingabo na Polisi,

Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Musanze,

Banyacyubahiro mutandukanye muri hano,

Abafite ababo twunamira uyu munsi,

Namwe mwese mwitabiriye uyu muhango;

Mbanje kubashimira ko mwitabiriye uyu muhango wo kwibuka no gushyingura mu cyubahiro imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 kandi nkaba nihanganisha by'umwihariko imiryango y'ababuriye ababo hano mu nyubako yahoze ikoreramo Urukiko rw'Ubujurire (*Cour d'Appel*) rwa Ruhengeri n'abarokotse muri rusange aho bari hose mu Gihugu no hanze yacyo. Mukomere.

Kwibuka ni uguha agaciro n'icyubahiro ababyeyi, abavandimwe, inshuti bishwe basize uko bavutse batahisemo, bazize gusa kuba Abatutsi. Ni n'umwanya wo kongera kwiyemeza gukora ibishoboka byose kugira ngo Jenoside ye kuzongera kubaho ukundi mu Gihugu cyacu, kandi ibyo bikajya mu ngiro mu bikorwa byacu bya buri gihe.

Umwanya nk'uyu utuma tunarushaho kuzirikana ko Jenoside yakorewe Abatutsi yashoboye kubaho kubera politiki mbi y'ubutegetsi bushingiye ku kuvangura, gukumira, gutoteza bikanagera no kuvutsa ubuzima Abanyarwanda b'Abatutsi; bityo bikaduha inshingano zo kwirinda ikintu cyose cyazana amacakubiri mu Banyarwanda n'ivangura iryo ari ryo ryose.

Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri aka Karere (kahoze ari Perefegitura ya Ruhengeri) agaragaza ko Jenoside yagiye ikorerwa igeragezwa mu bikorwa by'urugomo n'ubwicanyi byagiye biba mu bihe bitandukanye, indunduro yabyo ikaba mu 1994.

Aba twibuka uyu munsi, bagiye bavanwa muri Nyarutovu, Gatonde na Ndusu, ubu ni mu Karere ka Gakenke (hahoze hitwa Sous-Prefegitura ya Busengo) mu mabisi, nyuma yo kubeshywa n'ubuyobozi bwariho ko bagiye kubahungisha maze bicirwa mu cyumba cy'iburanisha cy'Urukiko rw'Ubujurire (*Cour d'Appel*) rwa Ruhengeri.

Kwicira inzirakarengane mu rukiko, ahantu ubundi abantu bagombye kubonera ubutabera, nta handi hantu byigeze biba, ibyo ubwabyo bikaba bigaragaza ubukana n'umwihariko bya Jenoside yakorewe Abatutsi. Ni muri uru rwego aya mateka agomba kurindwa no gusigasirwa kugira ngo ahore atubera urwibutso kandi atume dukomeza guharanira ko ibyabaye bitazongera ukundi, ari na yo mpamvu turi hano uyu munsi

Nagira ngo nshimire abarokokeye n'ababuriye ababo mu cyahoze ari Urukiko rw'Ubujurire (*Cour d'Appel*) rwa Ruhengeri kuba mwarafatanyije n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi kugira ngo uru rwibutso rwubakwe n'imibiri y'abazize Jenoside yimurwe, ishyingurwe mu cyubahiro mu rwego rwo gusigasira amateka yasizwe na Jenoside yerekeye Urwego rw'Ubucamanza.

Hari inyubako nyinshi ziri hirya no hino mu gihugu zagiye zihindurwamo inzibutso, kandi mu guhitamo buri nyubako, hari ubutumwa buba bugamijwe gutangwa. Mu guhitamo ko aha hahoze ari Urukiko rw'Ubujurire haba urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi, mbona isomo twabikuramo ari uko tugomba guhamya ingamba zo guca umuco wo kudahana kuko ari wo

woretse u Rwanda mu icuraburindi rya Jenoside yakorewe Abatutsi, tugakomera ku rugamba rwo kubaka Igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri buri muturarwanda wese nta vangura, icyo ryaba rishingiyeho cyose.

Ikindi, kuko icyaha cya Jenoside kidasaza, ni ugukomeza gushyigikira ko inzira y'ubutabera ikomeza, cyane cyane ku bakekwaho gukora Jenoside bahungiye mu bihugu byo hanze, dusaba ko bakurikiranwa aho bari, cyangwa bakoherezwa gukurikiranwa mu nkiko zacu nk'uko ibyo bimaze igihe bikorwa. Ibi kandi binajyana no guhamya ingamba zo kurwanya abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi aho bari hose. Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gufatanya n'abandi muri urwo rugamba, mu nzira yo gutanga ubutabera buboneye.

Mu gusoza, nongeye gushimira abagize uruhare bose muri iki gikorwa cyo gutunganya uru rwibutso kandi nsaba ko ubwo bufatanye bwazanakomeza mu gushyiraho uburyo bunoze bwo kurwitaho no kurucunga.

Nongeye kwihanganisha abafite ababo baruhukiye muri uru rwibutso kimwe n'abarokotse muri rusange, muri iki gihe cy'iminsi 100 cyo kwibuka. Mukomere.

Dukomeze Twibuke Twiyubaka.

Murakoze.